Twakire neza inyandiko ya Papa: *Amoris Laetitia*: Ibyishimo by'urukundo

Intangiriro

Tariki ya 08 mata 2016, Nyirubutungane Papa Fransisko yatangaje ku mugaragaro ibaruwa ya gishumba izwi, mu gifransa, ku izina rya *Exhortation apostolique*. Papa yayishyizeyo umukono ubwe ku ya 19 werurwe 2016. Iyi baruwa yiswe mu kilatini *Amoris Laetitia* (ngenekereje mu kinyarwanda: *Ibyishimo by'urukundo*) ivuga kandi ikerekana ishingiro ry'Urukundo nyarwo mu muryango (famille).

Iyi baruwa yerekeranye n'inama ebyiri zitwa Sinodi zabaye i Roma (mu kwakira 2014 na 2015), zitumijwe kandi ziyobowe na Papa Fransisiko. Izo Sinodi zombi zigaga ahanini ku mibereho y'umuryango (famille) muri ibi bihe ndeste n'ibibazo biwugarije. Icyari kigamijwe, ni ugukomeza, kunoza no guha imbaraga nshya iyogezabutumwa rivuguruye ritagatifuza umuryango, rigasubiza ibibazo byawo kugira ngo urugo rurangwa n'ubudahemuka rukomeze rube intangiriro, igicumbi n'irerero ry'ubutungane. Ibi maze kuvuga ni byo Papa agaragaza muri *Amoris Laetitia* (impine: AL) muri nomero (n.) ya 2.

Iyi baruwa se irasubiza iki?

Ikomatanyabukungu (globarisation) ryafashe intera ndende muri iki gihe, ryageze aho riba ikomatanyabyose: imico, imyemerere, imitekerereze, imyitwarire n'ibindi. N'ubwo nta wakwirengagiza ibyiza byinshi byazanywe na ryo, ariko kandi nta wahakana ingaruka mbi zigaragarira buri wese zaziyeho. Ingero ni nyinshi kuri ubu: hari abatari bake bumva ukwemera runaka kw'idini runaka kwavaho, abantu bose bakemera ibintu bimwe byemejwe nko mu itora ry'abatuye isi. Hari abumva umuntu ataba aho ngo azagere ubwo asaza akitwa uko yavutse, umugabo cyangwa umugore (igitsina gabo, cyangwa gore), ahubwo ko umuntu yabihindura ashatse, akigira icyo yifuza kuba cyo. Hari n'abavuga bati: « hari amahame ya Kiliziya, nta mpamvu yo kuyatekerezaho, icyanditswe cyaranditswe, utayubahirije uwo si uwa Kiliziya ». Hari na bamwe bumva byose byahinduka, ibyitwa amahame y'ukwemera ndetse n'amategeko ya Kiliziya bikavaho, umuntu akabaho kandi akemera uko ashatse (tendance progressiste et réformiste). Hari abumva igikuru ari amahame n'amategeko n'ubwo nta buzima bwayo bwaba bugaragara mu bana ba Kiliziya, ko nta

wagombye guhangayikishwa n'uko amahame y'ukwemera atinjiye mu mibereho y'abantu (tendance conservatrice). Ikiciro cya gatatu kigizwe n'abana ba Kiliziya bashyira mu gaciro, bagaharanira ko amahame y'ukwemera n'amategeko bya Kiliziya bimurikira kandi bikagenga ubuzima bw'abemera (reba AL n. 2).

Ibaruwa ya Papa ni igisubizo Kiliziya itanze gihuza ibyo byiciro byose by'abana ba Kiliziya hagamijwe umunezero nyawo w'umuryango w'abakristu n'urukundo nyarwo mu rugo rurangwa n'ubudahemuka. Iyi baruwa kandi yereka abashumba ba Kiliziya n'imiryango y'abakristu ifite ibibazo mu mibanire aho bashakishiriza ngo barebe ko bakugurura irembo ry'Impuhwe z'Imana. Navuga ko, amurikiwe n'Ivanjili ya Kristu, inyigisho z'uruhererekane rwa Kiliziya, amahame y'ukwemera n'amategeko y'Imana n'aya Kiliziya, Papa yagerageje kugoragoza abafite ibibazo by'umubano mu muryango, abereka aho bahera (bishobotse) bitagatifuza kandi bunga ubumwe na Kiliziya (reba AL n. 3). Niyo mpamvu iyi baruwa atari amahindura mu mahame y'ukwemera n'amategeko ya Kiliziya ahubwo ni intambwe nshya (pas une révolution mais une évolution) itewe mu mivugire no mu mitangire y'inyigisho zisanzwe za Kiliziya (conversion de langage). Usomye neza iyi nyandiko ya Papa abona ko igaruka kenshi ku magambo atandatu y'ibanze: **kunoza imyigishirize y'ukwemera kwa Kiliziya** (langage) igahuzwa n'umuco, imibereho y'abantu; Ivanjili igahuzwa n'ubuzima bwa buri munsi ikabumurikira. Andi magambo-shingiro aduha intumbero y'icyo Papa yifuza mu iyogezabutumwa ry'ugushyingirwa n'umuryango ni: **gushishoza** (discernement), **kwegera umuntu ku giti cye no kuganira na we** (proximité et dialogue), **kwinjiza Ivanjili mu muco no mu mibereho y'abantu** (inculturation), kugerageza **kwakira abanyantege nke** mu buzima bumwe na bumwe bwa Kiliziya hashyirwa imbere ibyiza bifitemo (qualités) bikaganza intege nke zabaranze (intégration) no gukora byose hagamijwe **ikenurabushyo n'umukiro wa muntu** (souci pastoral et salut des âmes).

Nta na hamwe Papa avuga ko ari ngombwa kugirira impuhwe bose, gupfa kubabarira no kwakira bose mu bumwe bwa Kiliziya. Nta na hamwe Papa avuga ko ugushyingirwa, ukwishyingira, gutandukana kw'abashakanye bakongera gushaka…ko byose ari kimwe nta cyo bitwaye. Ntaho abivuga. Ntiyanabivuga. Nta na hamwe Papa avuga ko abitwa ko bashakana bahuje igitsina (homosexuels na lesbiennes) ko bemewe muri

Kiliziya. Nta na hamwe. Papa Fransisko akunze kugereranya Kiliziya nk'ibitaro byakira bose. Yemera ko muri Kiliziya hari abageragaza, bari neza mu murongo n'ubumwe byayo, ariko ntanirengagiza ko hari abana bayo bafite ingorane runaka zituma batari mu buryo bwuzuye mu bumwe bwayo. Aba na bo Papa arabagoragoza, ku bw'impuhwe z'Imana zidatana n'ukuri n'ubutabera, kugira ngo (aho bishoboka) bibone mu bumwe bwa Kiliziya kandi bagire uko bitagatifuza kabone n'ubwo n'ubundi batagira uruhare rwuzuye mu buzima bwose bwayo ku rwego rumwe rw'abagenda neza. Kubegera no kubafasha mu bwiyoroshye byazabageza ku ntera y'ubumwe bwuzuye na Kristu na Kiliziya.

Iyi baruwa ni gahuza-mico ndetse n'ishakiro ry'umunezero w'umuryango

Inyandiko ya Papa igizwe n'imitwe 9 na nomero 325. Muri nomero ya 1 kugera ku ya 7, Papa atanga interuro y'ibaruwa, aho agaragaza ko ibyishimo by'umuryango ari na byo bya Kiliziya. Ibihungabanya isakramentu ry'ugushyingirwa n'umuryango binashegesha Kiliziya. Mu mutwe wa 1 (nn. 8-30) dusangamo ishingiro ry'ugushyingirwa n'umuryango mu Ijambo ry'Imana. Uko umuryango uhagaze muri iki gihe ndetse n'ibibazo by'ingutu biwugarije tubisanga mu mutwe wa 2 (nn. 31-57). Mu wa 3, Papa ahanga amaso Kristu bityo mu kumurangamira akerekana ko muri We harimo ishingiro ry'umuhamagaro wo gushyingirwa n'umuryango (nn. 58-88). Umubano w'abashakanye ushingiye ku rukundo, ubumwe n'ubudahemuka: reba umutwe wa kane (nn. 89-164). Urukundo nyarwo rwera imbuto kandi rurarema (l'amour est créateur), ni yo mpamvu Imana yagennye ko hashakana umugabo n'umugore bo bonyine bashobora gutanga ubuzima no gufasha Imana kurema: umutwe wa gatanu (nn. 165-198). Umutwe wa gatandatu utanga umurongo mugari n'icyerekezo gifatika kigomba kugenga iyogezabutumwa n'ikenurabushyo (nn. 199-258). Mu wa 7, dusangamo ingingo zigomba gushingirwaho mu burere bwuzuye bw'abana (nn. 259-290). Umutwe wa 8 (ari na wo uri gutuma bamwe bacika ururondogoro bakivugira ibyo bishakiye batasomye neza inyandiko ya Papa) uvuga ibyashingirwaho mu kwakira mu buzima bwa Kiliziya abaranzwe n'intege nke, bagateshuka ku mugambi muzima Imana yageneye ugushyingirwa n'umuryango (nn. 291-312). Umutwe wa 9 ari na wo wa nyuma, utanga inama ku buzima bwa roho bugomba kuranga isakramentu ry'ugushyingirwa n'umuryango (nn. 313-325). Ibaruwa

isozwa n'isengesho risabira ingo ryambaza ubuvunyi bw'Umuryango Mutagatifu w'i Nazareti (ugizwe na Yezu, Mariya na Yozefu).

Amoris Laetitia imeze nka "*encyclopédie*" (Igitabo cy'ishakiro nkoranyanyito) y'umuryango. Muri "*encyclopédie*", umuntu arebamo igisobanuro n'inyito z'ibyo yifuza gusobanukirwa neza. Papa yivugira ubwe ko yagerageje guhuza ibibazo byugarije isakramentu ry'ugushyingirwa n'umuryango ndetse n'ibyifuzo byanzwe muri Sinodi, agatanga umurongo wagenderwaho mu ikenurabushyo. Bityo rero, buri Kiliziya iri mu gihugu runaka ni yo yavoma mu ibaruwa ya Papa umurongo runaka usubiza ibibazo byugarije ingo zabo. Hari ikibazo kiboneka ibunaka, kitaboneka ahandi. Iyi baruwa igomba gusesengurwa neza, maze buri kiliziya yo mu gace runaka ikavomamo ikiyibereye (n. 7). Ibi bituma twiyumvisha impamvu bamwe batangarira uko Papa yasubije ikibazo iki n'iki. Hari ibibazo bivugwa ahandi, bitaboneka iwacu mu Rwanda. Natwe wenda hari ibyo twihariye bitaboneka ahandi. Papa ni uwa Kiliziya y'isi yose, ni yo mpamvu yatanze umurongo w'ikenurabushyo n'icyerekezo buri wese ufite ukwemera, ukwizera n'urukundo yakwibonamo akarushaho kugarukira Imana Nyirimpuhwe.

Ingingo z'ingenzi iyogezabutumwa ku isakramentu ry'ugushyingirwa n'umuryango rigomba gushingiraho:

• Gukora ku buryo inyigisho za Kiliziya uko zakabaye (nta kuzivuguruza cyangwa kuzitesha agaciro) zisubiza ingorane z'imiryango y'ahantu runaka (n. 199).

• Guha umwanya uhagije abubatse ingo zigerageza mu bukristu kandi bafite uburambe, bagaha abitegura kurushinga ubuhamya bw'uko babayeho (n. 200).

• Gusesengura no gushyira ku mugaragaro imico mibi ari iyashingira kuri politiki, ubukungu, imihango n'imigenzo igamije gusenya umuryango no gutesha agaciro isakramentu ry'ugushyingirwa (n. 201).

• Kwigisha no guhugura bihagije abitegura ubusaserdoti ndetse n'abakateshisti kugira ngo barangwe n'imyitwarire izira amakemwa, bemere kandi bemeze inyigisho zijyanye n'umuryango. Byaba byiza mu mitegurire yabo, ababyeyi babigizemo uruhare ndetse mu babigisha (muri za Seminali) hakabamo n'abagore n'abandi balayiki (n. 203). Ni ngombwa

guha umwanya ukwiye amasomo y'ubumenyamuntu, kubaka amahoro, imibanire y'abantu (sociologie) ndetse n'ay'ubuzima ndangagitsina (sexualité) (n. 204).

• Gutoza hakiri kare abana bato n'urubyiruko uburere mboneza-mana (vertus théologales) ndetse n'uburere noza-mibanire (vertus humaines) ndetse n'izindi ndagagaciro z'Ivanjili (n. 205). Kubatoza hakiri kare kwimenya no kumenya imbaraga n'intege nke z'abandi (qualités et défauts) n'uburyo bwiza bwo kwitwararika ku byaduka byose (n.210). Birababaje ko abenshi kuri ubu bashakana bataziranye!

• Birihutirwa gukora ku buryo buri gihe inyigisho z'abageni zigaruka ku Masakramentu y'ibanze. Amasakramentu y'ibanze ni yo abiba mu muntu ubuzima bwa Kristu akamwinjiza muri Kiliziya. Ugushyingirwa ni isakramentu ry'ubutumwa n'icyerekezo cya bwa buzima bwabibwe. Abenshi bigira umubano nyamara bwa buzima bwarasinziriye, bwaragwingiye. Niba umuntu atabukanguye abibutsa agaciro ka Batisimu, ugukomezwa n'ukaristiya bazatumwa kubaka urugo bajyanye iki? (reba n. 205). Gutuma umuntu udafite ubuzima cyangwa se ubufite ariko bwashegeshwe n'indwara (hano twumve ibyaha, imyumvire mibi n'uburere bubi), ubwabyo ni ukongera ibibazo.

• Gufasha abageni kumva ko amagambo y'isezerano umusore n'inkumi bagirana "*Nemeye ko wowe N. umbera umugore cg umugabo…kugeza gupfa*" muri Kiliziya, afite agaciro igihe cyose bakiri kuri iyi si. Ubuzima bw'abashakanye gikristu ni nk' umuhimbazo w'urukundo n'ubudahemuka uhoraho kandi ugomba kwimakazwa kugeza gupfa (nn. 214-215).

• Urukundo rw'abashakanye rugereranywa n'amazi meza. Nyamara iyo ayo mazi meza agomerewe ahantu hamwe, agenda yandura, asaza ari na ko akama. Ni ngombwa gutegura iyogezabutumwa rihamye rituma urukundo rw'abashakanye rukura: inyigisho nkenurabushyo zikwiye mu gihe cyo kurambagiza, mu kwitegura umubano bya hafi na nyuma yo gushyingirwa (nn. 219-227).

• Papa arashishikariza abogezabutumwa kutagarukira gusa ku iyogezabutumwa rya bamwe baboneka kandi bizana mu buzima bwa Kiliziya (la pastoral des petits élites ntihagije). Hakenewe iyogezabutumwa ryegera abantu, ribashakashaka kandi rikabasanga mu byo babamo (n. 230). Ingero (mu Rwanda): kumenyesha no gushyira abantu Yezu Kristu

tubasanze mu miryango-remezo yabo, mu nama z'abahetsi (aho ziboneka), mu bimina byo kwiteza imbere babarizwamo, aho bidagadurira, mu mashuri, mu bitaro, mu itabaro no mu gihe cy'ubukwe no mu zindi gahunda zitari iz'amashyaka na politiki.

• Gushyiraho gahunda inoze yo kwegera no gufasha mu buzima bwa roho ingo n'imiryango ifite ibibazo mboneza-mubano, muri byose hagamijwe kurengera urubyaro n'uruhande rushikamiwe (nn. 241-242). Gufasha abashakanye nyuma bagatandukana kwirengera no kwakira ingorane bagize, birinda kuzisuka mu bana babo. Usanga umwe mu bashakanye abohoza abana akabangisha undi, bityo abana bagakurana isura mbi ya "papa" cyangwa ya "mama", (abana bakurana ishusho mbi y'umubyeyi wabo bangishijwe) ibi bikazanabakurikirana igihe na bo bazaba bubatse izabo (n. 245).

• Gushishikarira iyogezabutumwa ry'abashyingiwe muri Kiliziya Gatolika, umwe ari umukristu gatolika undi ari mu rindi dini, hashyirwa imbere indangagaciro mpuzamatorero (oecuménisme), urukundo, ubuntu, ubumuntu n'uburere bwuzuye bw'abana (nn. 247-248).

• Kiliziya ifite ubutumwa budasaza bwo kurangamira no kwereka Yezu Kristu abantu bose nta vangura, ikabatoza kugira amatwara nk'aye. Ku bw'iyo mpamvu Kiliziya ikora ku buryo yubaha kandi ikubahiriza buri wese, ntawe ihohoteye kandi ikabigira itabanje kurebera ku myemerere ye, imibereho ye cyangwa umurongo yafashe ndangabitsina. Ibi bivuze ko Kiliziya ikunda, ifasha kandi isabira na ba bandi barwaye, abafite intege nke, ababana n'ubwandu bwa sida, abafite irari ryo kubana na bagenzi babo bahuje igitsina n'abandi bafite ingorane zinyuranye. Ibi byose ibigira ntawe ihutaje cyangwa ivumye, dore ko kuvuma itanabishobora kuko si bwo butumwa bwayo (n. 250 na Gatigisimu ya Kiliziya Gatolika n. 2358). Ubu bufasha bugamije kubazahura ngo badasigara inyuma mu mukiro Imana yageneye abantu bose muri Yezu Kristu.

Ibaruwa ya Papa Fransisko ishimangira mu buryo bushya ibyo Kiliziya yemera kandi yigisha

Muri iri sesengura, ngiye kwibanda cyane ku ngingo z'ingenzi ziri kwibandwaho n'abantu ku giti cyabo, ibitangazamakuru n'abandi bashaka gutwara uko bishakiye inyigisho za Kiliziya. Ndibanda cyane kuri izo ngingo bamwe bari guheraho bigamba ko batsinze, ko noneho abashakanye

nyuma bagatandukana bakongera gushaka (umugabo cyangwa umugore) ko bemewe ku meza y'Ukaristiya. Hari n'abandi bari kwigamba ko Kiliziya yaba yemeye muri yo ko habaho umubano wemewe na Kiliziya w'ababana bahuje igitsina bazwi ku izina ry'abatinganyi n'ibindi.

Ndagirango nibande gusa ku cyo iyi nyandiko ya Papa ivuga, ngihuze n'amahame y'ukwemera ya Kiliziya, Ivanjili ya Kristu, amategeko ndetse n'amabwiriza n'inyigisho za Kiliziya. Sinibanda ku byo bavuga ko Papa yaba yaravuze, ndibanda kubyo we ubwe yivugiye (yiyandikiye) dore hari bamwe bitwara nk'abafana bati: uyu Papa ntasanzwe yitandukanyije n'abamubanjirije, bakagera aho bamubeshyera ibyo atavuze; bakamwumva nabi.

Amoris Laetitia ya Papa Fransisko iri mu ruhererekane rw'izindi baruwa za Kiliziya, abapapa bagiye bagenera abakristu n'abantu bose mu bihe binyuranye, ku iyogezabutumwa rigamije urugo rurangwa n'ubudahemuka. By'umwihariko iyi Amoris Laetitia ifite isoko cyangwa se ifatira ku ya Papa Paul VI, *Humanae Vitae* kuko anayigarukaho cyane. Iyi baruwa igaruka kenshi ku mabaruwa *Familiaris Consortio* ya Yohani Pawulo wa II na *Deus Caritas Est* ya Benedigito wa XVI. Ishimangira kandi inyigisho z'Inama Nkuru ya Kiliziya Vatikani ya II aho igaruka ku nyigisho ziri muri *Gaudium et Spes*. Papa yavomye kenshi ibigize iyi baruwa, mu Gitabo cy'amategeko ya Kiliziya (Code de Droit canonique), muri Gatigisimu ya Kiliziya Gatolika (CEC) no mu Compendium de la Doctrine sociale de l'Église (Igitabo cy'inyigisho mboneza-mubano za Kiliziya).

Hari abashatse kwerekana Papa Fransisko nk'igihangange mu kubererekera-gucamo uruhererekane rwa Kiliziya n'umuhanga mu guhanga udushya yipakurura inyigisho zirambye zigize uruhererekane rwa Kiliziya. Abo nyamara, bumvise nabi Papa Francisko. Bamwe bahera ku bimuvugwaho (no ku bimwandikwaho) n'abahengamiye ku marangamutima yabo bwite aho guhera ku byo we yivugira mu nyigisho n'inyandiko ze. Abandi baroba interuro imwe cyangwa ijambo rimwe mu byo yavuze, bakayigira ingingo-shingiro y'ibyo bashaka kwemera no kwemeza abantu badasomye igitekerezo rusange cyahereweho, uko yakivuze n'uko yagitanzeho umwanzuro! Ibi ntibibura kuyobya bamwe. Ingero: hari nk'abakwirakwiza impuha n'ibinyoma ngo noneho Papa yemeye ko Kiliziya yajya isezeranya abifitemo irari ryo kubana

nk'abashakanye nyamara bahuje igitsina, ngo abagabo n'abagore basezeranye muri Kiliziya, nyuma bagatandukana muri Leta, nyuma bakihuza n'abandi ngo yaba yabemereye kwegera no guhazwa ku meza matagatifu y'Ukaristiya…! Ibi byose si byo. Ni ukubeshyera Papa. Si byo yavuze nk'uko tugiye kubyerekana mu kanya.

Papa Fransisko nk'umushumba, akomeje gushimangira inyigisho za Kiliziya azigeza ku bantu b'ubu anabamurikira mu bibazo byabo n'imico by'ubu. Akomeje neza, mu murongo ntamakemwa kandi urimo ubuvugururе, inyigisho za Mutagatifu Petero ndetse n'abapapa bamubanjirije. *Amoris Laetitia* ntitandukiriye na gato umurongo wa Kiliziya kandi ntihanutse mu kirere. Ivuye mu ibiganiro ku *gushyingirwa n'umuryango w'abashakanye* byizwe muri Sinodi ebyiri zose zikurikiranye. Iyi baruwa yakusanyije imibereho ya za diyosezi zo hirya no hino, ibi bishimangirwa n'uburyo Papa Fransisko agaruka ndetse kenshi muri *Amoris Laetitia* kuri raporo z'Inama Nkuru z'Abepiskopi (Conférences Épiscopales des divers pays). Urugero: Yagarutse ku byakozwe n'Inama y'Abepiskopi Gatolika ya Kenya ku Iyogezabutumwa ry'umuryango. Ingingo nyinshi zireba umuryango w'abashakanye yazivuzeho kandi yabanje kwitegereza no gusesengura imico n'imibereho y'abantu. Hari n'aho akura inyigisho muri za filimi abantu barebye kenshi ndetse no mu nama ku muryango zahuje abantu b'ingeri zinyuranye.

Twibaze: Ariko se koko ibivugwa ni ukuri ko Papa Fransisko yakinguriye bose imiryango ya Kiliziya? Ibyo bamwe bavuga nta gishya. Kiliziya ntiyigeze ifunga imiryango yayo. Ntiyigeze iheza uwo ari we wese kabone n'aho yaba ari umunyabyaha ukabije cyane, ntishobora guheza no gutererana abagize ibibazo mu rushako cyangwa abagize imyitwarire ihabanye n'umurongo w'Ivanjili. Ibi nta gishya kuko abapapa bose bagiye bagaragaza ishyaka n'umuhate wo gufungurira bose irembo ry'umukiro muri Yezu Kristu. Ubu nibwo butumwa bwa Kiliziya. Kiliziya ntiyigeze ifunga, iheza abantu. Umuntu ni we wakwikura mu bumwe bwayo kubera ubwigenge bwe, si Kiliziya iheza bamwe ngo yakire abandi. Papa akomeje uruhererekane rumwe rw'inyigisho zimaze imyaka irenga ibihumbi bibiri. Kiliziya ikinguriye bose bafite umutima n'ubushake bwo kugarukira Imana. Si inyigisho nshya ya Kiliziya. Ni umurongo umwe ukomeje wibukijwe bundi bushya.

Ibyo abahengamiye ku nyungu zabo bitirira Papa, nyamara bamubeshyera

1. Nta na hamwe iyi baruwa ivuga cyangwa yemera ko abashakanye bagatandukana, bakongera gushaka (union libre) bemerewe kujya ku meza y'ukarisriya: guhazwa. Nta na hamwe iyi baruwa ibemerera.
2. Nta na hamwe kandi iyi baruwa yaba yemeza ko hari undi muryango wemewe n'Imana na Kiliziya uretse gusa uw'umugabo n'umugore bashakanye ku bw'umugambi w'Imana (ni uko yo ubwayo yabigennye). Umuryango umwe wemewe n'Imana kandi ushingiyeho inkomoko y'abantu n'iterambere ry'ibihugu na sosiyete ni umuryango w'abashakanye w'umugabo n'umugore. Ni uku abantu baremwe, nta kundi: buri wese yaremwe kandi avuka yitwa igitsina gabo cyangwa igitsina gore. Imyumvire n'imibonere y'ibintu inyuranye n'iyi ituruka ku kwibeshya no kuyoba bya muntu ari na byo Kiliziya yihatira gukosora (reba n. 52). Bityo abavuga ko Papa yaba yemeza ibinyuranye n'iryo hame ntakuka ry'iremwa rya muntu, baba bagamije kuyobya abantu na bo batiretse.
3. N'ubwo Papa ashimangira umugambi w'Imana ushingiye ku bumwe buzira gutandukana kandi bw'ubudahemuka bw'umugabo n'umugore, ntiyirengagiza ko hari abateshuka kuri uwo mugambi bakagirana indi mibano itakwitwa ndetse itagereranwa na gato n'umuryango tuzi wemewe. Ukugoragozwa cyangwa uburwaza bagenerwa abagize intege nke bigomba kwiganwa ubushishozi kuko Kiliziya ntiyabaca ngo ibatererane bahere ku ngoyi ibashikamiye. Ihora ibashakashaka ngo ibakirane impuhwe ibayobore neza ku isoko idakama ya Yezu Kristu Rumuri rw'amahanga. Abiha rero kuvuga ko Papa Fransisko afata kimwe umubano w'umugabo n'umugore bashakanye muri Kiliziya hamwe n'abashakanye bagatandukana cyangwa ababana bahuje igitsina, abo baramubeshyera (reba n.52). Papa Fransisko akomeje umurongo wa *Familiaris Consortio* ya Yohani Pawulo II aho avuga ko abashyingiwe muri Kiliziya bagatandukana, bakongera bagashaka batemerewe guhazwa: ameza matagatifu. We icyo yakoze ni ukureba aho Kiliziya iri mu gihugu runaka yagoragoza igafasha abo bantu kwiyumva muri yo ko bataciwe

n’ubwo ingingo runaka bayirenzeho, bakagira bimwe bakwibonamo muri Kiliziya no mu buzima bwayo.

4. Iyi baruwa isaba abashumba ba Kiliziya gushishoza neza bamurikiwe n’Ivanjili, amategeko y’Imana n’aya Kilizya hamwe n’inyigisho za Kiliziya bakaba bakwakira kandi bakemerera abo bagize ibibazo by’ingo kugira uruhare mu butumwa bumwe na bumwe bwa Kiliziya: twatanga ingero nko guturisha mu Kiliziya, gucunga umutuzo, kwigisha mu ishuri rya Kiliziya, gufasha no kugira uruhare mu bikorwa by’urukundo n’impuhwe, kugira ubutumwa ahabwa mu muryango remezo. Ibi papa ntabirondora. Bityo, abiha kwemeza ko Papa yasabye ko bose babakira, bakabafata kimwe n’abakomeye ku mugambi w’Imana baramubeshyera. Nta na hamwe Papa yahinduye cyangwa ngo abe yavuguruza umurongo w’ukwemera n’uw’amategeko y’Imana n’aya Kiliziya.
5. Nta na hamwe Papa yemera cyangwa aha umugisha abitwa ko babana bahuje igitsina (abo bamwe bita abatinganyi); nta na hamwe ariko kandi Papa abaca cyangwa abatuka. Nk’uko umunyantege nke adahutazwa ahubwo afashwa kugira ngo agarukire Imana, ni na ko n’abifitemo imico yo kubana n’abo bahuje igitsina bafashwa kugira ngo babashe kugaruka mu murongo muzima w’Ivanjili. Nta na hamwe Papa ahindura icyo Bibiliya ivuga cyangwa ngo abe yahindura ingingo runaka ya *Droit Canon* na Gatigisimu ya Kiliziya. Ubundi niba ibaruwa y’Umushumba wa Kiliziya itavuze ku ngingo runaka yari isanzwe mu kwemera kwa Kiliziya, bivuga ko iyo ngingo ikomeje kwemerwa gutyo ahubwo hagashakwa uburyo bushya bwo kuyishyira mu buzima bwa none. Papa ntiyigeze akora na gato ku mahame (doctrine).

Ibyo Papa avuga bisaba ubushishozi, isengesho n’ubufasha bwihariye

Muri nomero ya 241, Papa ntiyigiza nkana, azi ko haba ubwo abashakanye bananiranwa, umubano wabo ukazamba, hakageragezwa inzira zinyuranye z’ubwiyunge. Bigaragara ko hari aho byanga tukabona abatari bake batandukanye. Nibutse ko Kiliziya nta na rimwe yo itanya abashakanye muri yo iyo isakramentu ryafashe kandi rikaba ryaratanzwe hujujwe ibyangombwa byose. Iyo hari ingingo shingiro y’Ugushyingirwa

yabangamiwe, Kiliziya (binyuze mu nzego zibishinzwe) ni ho itangaza ko iryo sakramentu mu by'ukuri nta ryabayeho.

Nk'uko Kiliziya itahwemye kubyigisha no mu bihe byahise, Papa Fransisko na we aributsa ko abatandukanye nyamara bari barasezeranye muri Kiliziya bakomeza kuba no kwitwa ingingo za Kiliziya (n. 241). N'ubwo harimo abatatiye Kiliziya bakongera gushaka (muri Leta cyangwa kwihuza gutyo: union libre) ntibaciwe na Kiliziya n'ubwo hari bumwe mu buzima bwayo batemerewe guhabwa (ils ne sont pas excomuniés). Byakwitwa ko baciwe igihe muri uko gutandukana bakongeraho ibyaha biganisha ku bucibwe nko gukuramo inda ku bushake, kwangiza no kwandagaza ibikoresho bitagatifu n'ibindi. Mu rwego rwo kubafasha, Papa asaba abashumba gushishoza no kuganira na buri wese ukwe, wahuye n'icyo kibazo kugira ngo harebwe uburyo yagira bumwe mu buzima bwa Kiliziya yakirwamo, nibura akaba yakomeza kwitagatifuza uko ashoboye. Tubyumve neza: nta na hamwe Papa avuga ko ari mu buzima bwose bwa Kiliziya abo bashobora kwakirwamo. Kiliziya ibereho kumvisha abo bose ko ari ingingo zayo kabone n'ubwo hari bumwe mu buzima bwayo baba barateshutseho. Ibi ni byo kandi kuko nta na rimwe umwana areka kwitwa uwa ba kanaka yaba mwiza cyangwa mubi.

Papa ashimangira icyifuzo cy'abari muri Sinodi cyo kugenera ubufasha bwihariye mu rwego rw'iyogezabutumwa abatandukanye, abahukanye n'abatereranwe n'abo bari barashakanye (n. 242). Asaba cyane cyane kwita ku barenganyijwe, abashikamiwe n'ababo kubera intege nke. Yifuza ko bibaye ngombwa habaho Ibigo byunga kandi bikomora ibikomere by'aba bagize ibibazo mu rushako (Centres d'écoute, de réconciliation et de médiation, n. 242). Ni ngombwa kwegera, gutega amatwi no gukurikirana (accompagnement spirituel) abatandukanye batarishora mu rundi rushako kugira ngo bakomere kandi nibura bagerageze kuba abahamya b'ubudahemuka basezeranye: ibi babikora barera gikristu abana babyaye, bakirinda kubaraga ibibazo byabatanyije (n.245).

Mu butumwa bwayo, Kiliziya igomba kuba buri gihe ijwi n'umufasha w'abakene, abarwayi, abanyabyaha n'abanyantege nke (n. 246). Ni muri uwo murongo hakenewe iyogezabutumwa ryihariye rifasha, ryegera kandi rigahumuriza abana bavutse mu miryango y'abashanye babanye nabi cyangwa batandukanye (n. 246). Papa agaragaza ko

kugoragoza no kureba agace k'ubuzima bwa Kiliziya abo batandukanye bakwakirwamo bigamije uburezi (la fonction éducative n.246). Tubyumve neza, ikigamijwe si ukubatumira ku meza matagatifu y'Ukaristiya, ni ukubafasha mu rugendo ku buryo igihe cyazagera (byaba bishobotse) ibibazo barimo bikemutse bakaba bahazwa ibyo byiza Yezu yaduhaye. Nibura Kiliziya yegereye abo babyeyi kabone n'aho baba batakibana, wenda bakorohera abana babo, bakabaraga ineza, ubworoherane kandi bakabereka Kiliziya yabafasha mu burezi bwuzuye. Abana bagomba gufashwa kubona Kiliziya nk'umuryango w'Imana wo udashobora gusenyuka.

Papa avuga iki ku bifitemo umuco wo kubana n'uwo bahuje igitsina? Mbere na mbere Papa ntahangayikishijwe n'abo ngabo, we ahera ikibazo mu mizi. Yishyira mu mwanya w'imiryango ifite abo bantu akaba abona ko ari ikibazo gikomeye kuri yo (n. 250). Papa asanga ubufasha bw'ibanze bugenewe iyo miryango ifite abana bahengamiye ku kubana n'abo bahuje igitsina, ari ukubakunda. Kiliziya ntinena kandi ntihutaza abo bazwi ku izina ry'abatinganyi. Ariko kandi na none Kiliziya ntiyemera ko iyo mibereho ari mizima._Kiliziya iba hafi ababyeyi mu gukurirana no kumurikira abana babo bagaragaza iyo myitwarire.

Twibaze: Papa se afata ate abatinganyi ugereranyije n'umuryango dusanzwe tuzi w'umugabo n'umugore? Turebe icyo avuga muri nomero ya 251: Ababana bahuje igitsina (abatinganyi: abihuza bafite igitsina kimwe) nta na hamwe umuntu yakwibeshya ngo abagereranye n'abashakanye nk'umugabo n'umugore, cyangwa ngo abe yabahuza. Ntibahwanye, ntibanagereranwa. Nta shingiro na mba (pas de fondement) yo kubahuza cyangwa kubasanisha cyangwa kubajyanisha hamwe. Umubano w'umugabo w'umugore ni wo wonyine uzwi nk'umuryango ukaba uri mu mugambi w'Imana. Bityo, ntibikwiye ko ibihugu bikize bifasha ibikennye ari uko bibitegetse kwemera iyo mico y'ubutinganyi. Papa avuga yeruye ko Kiliziya ibabazwa n'igitugu ndetse n'igitutu kiyishyirwaho aho ibihugu bikennye bifashwa ari uko bihatiwe kwemera icyitwa "umuryango" w'ababana bahuje igitsina (abatinganyi) (n. 251).

Twibaze: abarotaga ko Kiliziya yakwemera nk'umuryango cyangwa urugo abihuza bahuje igitsina babikura he? Kiliziya ntibyemera. Uretse ko nta n'ishingiro na rimwe ryatuma byemerwa haba mu mateka ya Kiliziya, aya

Bibiliya cyangwa se mu nyigisho z'uruhererekane za Kiliziya. Ntibinagaragara no mu mugambi w'Imana ku Muryango (urugo).

Kiliziya izahora yigisha ko igisenya umuryango cyose kiba kirwanya umugambi w'Imana (n. 291). Ni yo mpamvu imurikiwe na Kristu, Kiliziya ihora ishakisha uburyo bwose bujyanye n'umuhamagaro wayo bwatuma abana bayo bose bagarukira Yezu Kristu. Inzira ya Kiliziya ni ukutagira n'umwe iheza mu bumwe no mu buzima bwayo. Nta n'umwe Kiliziya ishobora guciraho iteka ko byamurangiranye niba ashaka kwicuza n'umutima we wose. Umuntu ubwe ni we wica (kwiheza), akikura mu bumwe bw'abana b'Imana.

Impuhwe z'Imana ni yo nyigisho ya Kiliziya mu bihe byose isobanura ko kugeza ku munsi wa nyuma, umunyabyaha aba akinguriwe imbabazi kandi ikiganza cy 'impuhwe z'Imana kiba kimuriho. Umuhamagaro wa Kiliziya si uguhakana umuriro utazima (ubucibwe bwa burundu) si no guca igikuba byo guhahamura abantu. Umuhamagaro wayo ni uwo gutangariza abantu bose umukiro ubagenewe muri Yezu Kristu, ko nibakira impuhwe z'Imana zigaragarije muri Yezu Kristu aribwo bazaronka umukiro uhoraho. Kiliziya ibereyeho kwambaza no kwamamaza impuhwe z'Imana kuri bose kugira ngo nibayigarukira babe abana b'Imana koko, bategereje gusangira byuzuye umurage w'ubugingo bw'iteka hamwe na Kristu. Ni yo mpavu Kiliziya ihora imeze nk'ibitaro (n.291) mu kwakira muri yo abana bayo bose (abazima, abarwaza n'abarwaye indwara zinyuranye) kandi buri wese ikamugenera ubufasha bujyanye n'uko ahagaze. Ni muri urwo rwego Papa asaba ko abashumba ba Kiliziya bakwita kuri buri wese cyane cyane abana bayo bihebye, abacumuye n'abandi babaho bihabanye n'umuhamagaro wayo, bakabavura buri wese bamugenera umuti w'ukwemera, ukwizera n'urukundo ujyanye n'uko amerewe (n. 291). Mu gushyira mu bikorwa umuhamagaro wayo, Kiliziya buri gihe ikurikiza ubu buryo: kugenza nka Kristu yigisha, itagatifuza abantu kandi ibayobora ku Mana ibigirishije impuhwe z'Imana no kwakira abashaka bose mu bumwe no mu buzima bwayo.

N'ubwo Kiliziya ikinguriwe bose kandi ishakisha bose ku bw'impuhwe z'Imana, hari abo itakwihanganira ko bayivangira: Papa ati: "Niba umuntu akoze icyaha abizi kandi abishaka, icyo cyaha kikaba kirwanya ku buryo bweruye ukwemera kwa Kiliziya, byongeye niba yihandagaza akamamaza yeruye ibinyuranye n'ibyo Kiliziya yigisha, kandi

agategeka abantu kwemera ku mugaragaro iyo mibereho ye nk'uburenganzira bwe, uwo aba yikuye rwose mu bumwe bwa Kiliziya (n. 297). Umuntu wakwamamaza ko gutana kw'abashakanye ari byo byiza, ko kubana kw'abahuje ibitsina ari ibisanzwe kandi bizima, ko Kiliziya igomba kwemeza ko iyo mibereho ye na yo ari umugambi w'Imana, uyu ntazavuge ko yatumwe na Kiliziya kandi nta cyo yakwigisha muri yo". Papa yarabisobanuye rwose, abafite umutima umurikiwe na Roho Mutagatifu yabakuye mu rujijo isi yifuza kubashyiramo.

Nyamara umuntu ubabazwa n'ibibi akora, umuntu urizwa n'uko yatanye n'uwe akongera gushaka undi cyangwa urizwa n'uko yihuza n'uwo bahuje igitsina, uyu, Kiliziya igomba kumugoragoza kandi ikagira uko imufasha mu mubano we n'Imana. Uwo ubabazwa n'intege nke ze cyangwa imibereho ye ihabanye n'ugushakwa kw'Imana afite amahirwe menshi yo kugaruka mu nzira nziza, kubabarirwa no kugira uko yagira uruhare mu bumwe bwa Kiliziya, akagira uko yasangira n'abayirimo ubuzima bwayo. Urundi rugero, umuntu watandukanye n'uwo bashakanye akongera kwihuza n'undi —kwishyingira— akubakana n'uwo wa kabiri akaremya kandi agafatanya n'uwe kurera abana neza, atandukanye na wa wundi watanye n'uwe akihuza n'undi, ejo agafata undi, agahora ahindagura ababanyi. Ibi binashyira irudubi ingaruka zikomeye ku rubyaro (n.298). Abo banambanye, bagasazana n'abo bihuje nyuma yo gusenya urugo rwa mbere ruzwi n'Imana, hari uko Kiliziya yabagoragoza, ikabakingurira amwe mu mahirwe yo kwitagatifuza muri yo. Kiliziya igomba kubafasha kwegera ubutagatifu no kubafasha kwibona uko bishoboka kose muri yo. Kiliziya ikora nk'umwigisha mwiza, ibegera, ibihanganisha, ikaba yabaha na bumwe mu butumwa butateza urujijo mu bandi ("Il faut éviter toute occasion de scandale" n.299). Ibi bivuze ko Kiliziya ifite uburyo bwinshi bwo kwakira abayo mu buzima bwayo; rero ntibivuze ko bahita bemererwa gusangira n'abandi ku meza matagatifu y'Ukaristiya. Mu bushishozi bwa Kiliziya, hari uwo yakwakira muri yo, imwemerera kugira uruhare muri Liturujiya y'indirimbo, guturisha mu Kiliziya, gushingwa umutuzo, gushaka abigishwa, kwigisha mu mashuri yayo, gusomera abandi Ijambo ry'Imana n'ibindi.

Umwanzuro

Mu kwanzura, nakwibutsa ko Papa yivugira ubwe ko ibaruwa ye, hamwe na Sinodi bitigeze bigira n'akadomo byahindura cyangwa byakura

ku Mahame y'ukwemera kwa Kiliziya cyangwa ku Mategeko yayo n'ay'Imana (n.300). Umusanzu wa Papa Fransisko ujyanye n'ikenurabushyo n'iyogezabutumwa (Pastoral et évangélisation). Arashishikariza abemera bose kwivugurura no gukingura ku buryo bwose bushoboka amarembo y'impuhwe z'Imana muri Kiliziya ku bana bayo bateshutse. Ni ngombwa gushishoza hashingiwe ku Ijambo ry'Imana no ku nyigisho za Kiliziya. Ni ngombwa gukurikira amabwiriza y'Umwepiskopi Umushumba wa Diyosezi (n. 300). Ubushishozi Papa asaba mu kwegera no kwakira muri Kiliziya abanyantege nke n'abateshutse ku nshingano z'ugushyingirwa, ntibugomba na rimwe kwirengagiza Ivangili ya Kristu n'inyigisho za Kiliziya.

Mu kwakira abagize intege nke mu nshingano z'ugushyingirwa hagomba kurebwa kandi impamvu nyoroshya-cyaha cyangwa nkomeza-cyaha. Hari impamvu zimwe na zimwe zigabanya uruhare rw'umuntu mu cyaha cyangwa mu ntege nke: kutamenya, ubujiji n'ubumenyi buke, kutaburirwa, guhohoterwa, ingengabitekerezo mbi n'akamenyero (CEC 1735), uburere bubi, ubwana mu rukundo n'ibindi. Kubera ibi byose, mu guca urubanza ku kintu runaka kibi muri cyo ubwacyo, ni ngombwa gushishoza hagamijwe kurokora no kwegereza impuhwe z'Imana uwakigaragayemo (n. 301-302).

Papa asaba abashumba gushishoza no kwegera buri wese ukwe no kumutega amatwi mu bibazo yagize. Yongeraho ko amategeko ya Kiliziya areba kandi aha ubuzima buri mwana wese wayo kandi akanamufasha mu mubano we n'Imana. Ibi ntibikuraho ubufasha bwihariye ku muntu ku giti cye bitewe n'uko abayeho. Akenshi ntibikwiye gufata umuti wihariye gusa kuri kanaka ngo ugirwe uwa rusange kuri bose (on ne peut pas toujours conclure du particulier au général). Ibi ni byo Papa ashimangira muri nomero ya 304.

Papa nta na hamwe avuga ko ikibi muri cyo cyakwitwa icyiza. Ahubwo ni ukureba uruhare rwa buri wese muri cya kibi. Ikibi gikomeze kwitwa ikibi, harebwe uburyo hatabarwa uwakiguyemo. Kirazira gutana kw'abashakanye. Birazwi ko umuryango washatswe kandi ukaremwa n'Imana ari uw'umugabo n'umugore. Ibi birazwi ko umwana agomba kuvuka mu muryango w'umugabo n'umugore bazwi bahanye isakramentu ry'Ugushyingirwa imbere y'Imana muri Kiliziya kandi bagiranye isezerano muri Leta. Imana yagennye ko umubano w'umugabo n'umugore wonyine

ari wo ugenura ubumwe bwa Kristu na Kiliziya kandi akaba ari wo wonyine uba umuyoboro muzima wo gutanga ubuzima no kuburera (n.292). Ni yo mpamvu nta n'umwe watanya abashakanye. Kiliziya ntitanga «divorce» (ugutandukana kw'abashakanye) n'ubwo izi ko uko gutandukana kubaho mu mategeko y'ibihugu.

Iyo umubano w'abashakanye urushaho kuzamba, Kiliziya igeregeza uburyo bwose bushoboka ikabunga. Byakwanga, ihereye ku busabe bw'abo bireba, isuzumana ubushishozi impamvu zatuma itangaza ko nta *mariage* (ugushyingirwa) yabaye, bityo ko icyagaragaye nka *mariage*, mu by'ukuri atari yo kubera impamvu runaka…Kiliziya ireba niba hatarabayeho guterura, gushuka, ikinyoma gikomeye, uburwayi bwo mu mutwe, kuba umwe afitanye n'undi isezerano nk'iryo n'ibindi. Amategeko agomba kubahirizwa no gushyirwa mu bikorwa. Ntawe uri hejuru yayo. Ariko na none niba n'ubucamanza bw'abantu bureba impamvu nkomeza-cyaha cyangwa nyoroshya-cyaha si Kiliziya ya Kristu yarushwa impuhwe n'isi. Papa akomeza ashimangira ko impuhwe no kugoragoza bitagomba gukuraho cyangwa gusimbura ubutabera (la justice) n'ukuri (la vérité) ahubwo ko bigomba kubiganishaho no kubishimangira (nn. 310-312).

Umushumba ntiyakwishimira gusa guhanisha amategeko abayateshutse. Agomba gushishoza no kureba niba hari ingingo zibohora abaguye (n. 305). Umushumba ntagomba kwereka uwagize intege nke ko byamurangiriyeho, ntanakwiriye no kumwereka ko ntacyo bitwaye kuba yaratandukiriye urumuri rw'Ivanjili. Ubushishozi ni ngombwa cyane hagamijwe mbere ya byose gukiza roho z'abantu (n. 307). Uku gushishoza ku mibereho idahwitse yaranze kanaka, nta na rimwe bigomba gupfobya inyigisho z'Ivanjili, cyangwa guhisha urumuri rwayo, cyangwa gupfobya kamere nyayo y'urugo Imana yagennye rw'umugabo n'umugore rurangwa n'urukundo, ubumwe n'ubudahemuka (n.307). Urugo rurangwa n'ubudahemuka ni rwo rugamijwe. Iyi baruwa igamije kugoragoza no gukingurira, aho bishoboka, abateshutse ku mugambi w'Imana kugira ngo babe babasha kwinjira muri iyo ntumbero no kwitagatifuza.

Iyi nyandiko yateguwe kandi yegeranywa na Padiri Théophile NIYONSENGA, i Madrid/ Espagne, 19 Mata 2016.